RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT
KG 4 Ave 8, Kimihurura, P.O.Box 3987 Kigali, Rwanda

Our Ref : 1593/RRA/CG/TPS/2020

Your Ref :.....

Date : 16 NOV 2020

ITANGAZO RYO KONGERA UMUNSI NTARENGWA

Bitewe n'ikibazo cy'ikoranabuhanga cyagaragaye hagati ya sisiteme za banki n'iz'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) ku munsi wa nyuma wo kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku nyongeragaciro (TVA), umusoro ku bihembo by'Abakozi (TPR), Imisoro ifatirwa (WHT), umusoro ku byaguzwe (Excise Tax), n'umusanzu w'ubwitegenyarize bw'Abakozi (Pension),

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro buramenyesha Abasora ko hongereweho iminsi itatu (3) ku munsi ntarengwa wo kumenyekanisha no kwishyura imisoro yavuzwe haruguru. Ni ukuvuga ko kumenyekanisha no kwishyura iyi misoro bigomba gukorwa bitarenze ku wa Kane tariki **19 Ugushyingo 2020.**

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro kiboneyeho kwibutsa ko kumenyekanisha bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga ku rubuga rwa RRA ari rwo www.rra.gov.rw . Mu kwishyura mwakwifashisha Internet Banking, Mobile Banking, Mobicash, Infinity cyangwa Mobile Money.

Mukeneye ubundi bufasha mwaduhamagara kuri 3004/0788747742/0788659004/ 0788277763

BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal
Komiseri Mukuru

RWANDA REVENUE AUTHORITY
RRA
P.O.BOX 3987 KIGALI

Scanned with CamScanner